# URUBUGA RWACU

Uru rubuga ni urwanjye
Uru rubuga ni urwawe
Uru rubuga ni urwacu.
Mukecuru n'umukambwe
Mubyeyi nawe Mugabo
Mukobwa nawe musore
Wowe mwangavu wowe ngimbi,
Wowe mwana ubagwa mu ntege,
Ugwana impuhwe ugwa uli imbyeyi
Uteta usekera bose
Usekera abakunzi usekera abanzi
Urwo rubuga ni urwacu.
Urubuga rw'urukundo,urubuga rwo gufatanya
Urubuga rw'amahoro, urubuga rw'amajyambere.
Ahaaaa! Mbega ukuntu ali rwiza!
Mbega ukuntu ali runini!!
Hinganze ndwidagadureho,
Mpamagare n'abandi bansange,
Turukorereho turukinireho,
Kuko ntali nyakamwe simbe n'ikinege
Naravutse ku mugongo mugali.
Ngo igiti kimwe si ishyamba
Ngo bulya kandi abajya inama
Imana irabasanga;
Aliko kandi ngo irafashwa.
Imbuto ibibwe niyo isarurwa,
Urabibe nziza uzasarura byiza.
Wisunge abandi bazakugira inama
Maze nawe uzabagire izindi,
Ugire umumaro mu bandi
Naho nyamwigendaho we yaragowe.
Erega na kera byahozeho!
Umwana yaravukaga impundu zikavuga
Inkwi zigashakwa ikilili kigatindwa,
Iminsi igahita itali myinshi
Bagahingisha inkonzo bakalya ubunnyano
Bakita amazina n'utuzina,
Ubuhuha bukavuga ubuzuruzuru sinakubwira .
Akabyinilirwa agasimbukighwa

..../...

Agasimbuka urukiramende agatera uruziga
Agatebanwa ku muheto.
Akaba ali ingimbi igimbukanye imbaraga
Ikora ibyo yashohoje amazi inkwi zatahijwe.
Igashimisha ababyeyi igashimisha abakuru
Bakamureba bakamwenyura
Bati:"Ng'uyu umwana w'i Rwanda
Wamenywe kuva agiterurwa
Ko gufatanya ali intego y'abakuru".
Ntibukeye kabili akarushinga;
Agasanga barahingirana, baratabarana
Batwaza ubwatsi bubakirana,
Basabana amazi asabana umuliro,
Bafashanya, bahekerana, bashyingirana,
Bacumbikirana, baherekezanya.
Akabyinjiramo akazilya mbisi,
Interuro bateye akayikiliza
Maze akaba umuntu mu bandi.
Akanga kwigunga akanga kwiyanga
Akabegera bagasabana
Bagafatanya bagakundana
Bakagira urugwiro bakagira urukundo.
Akaba ali umwali akaba ali Nyampinga
Agakinisha imyeyo agakinisha icyogesho,
Akajya mu rubohero akahavana ubumenyi:
Akaboha agasuna akaboha agakangara
Akaboha agaseke akebo akazi mu busa;
Agakura abana na bagenzi be basabana
Akazarutegera umuganji akazarutegera u Rwanda,
Akazaba Nyogokuru nyil'abuzukuru
Akazabatetesha abereka yuko
Umubano mu bantu ali inkingi y'ubuzima.
Nguw'umurage w'abakurambere,
Nguw'umurage w'abatekereza,
Nguw'umurage twahawe n'iyaduhanze
Ni we watumye tuzabaho, tugimbuka
None tukaba tuli mu rubuga twiyereka .
Ngo bulya urumuli rudusisurutsa,
Uru rumuli rw'ubuzima ruba imbere mu mutima
Rwiyongera ubutitsa kandi rubeshwaho
No guhura kw'abantu n'abandi,
Bakunguranana ibitekerezo bakungurana inama;
Kuko ntawakwigira aha mu ruhame
K'ubwenge bwose bwo kw'isi
Ubwo mw'ijuru butalimo

Yabumaze inyuma ntacyo ayobewe.
Uwo mugambi w'urukundo,
Uwo mugambi w'abashyirahamwe
Na kera wahozeho na n'ubu uliho.
Huuuuuuuuuuuummmmm!!! Uliho rwose!
Uliho pe!
Ngo yerekwa bike ibindi akirebera:
Uranyarukire hafi y'iwanyu aho
Wirebere abashyize hamwe basenyera umugozi umwe
Bikorera nabo ubwabo.
Urarebe izo mbuto zilibwa
Urarebe izo mboga rwatsi
Urareba ibyo binyampeke,
Urarebe ibishyimbo urarebe soya
Urarebe izo mbuto za kijyambere
Ngo biralyohera ababihinze n'ababihashye.
Abambere bo bakagira n'akarusho
Ko bituma babona n'ibindi bakeneye
Kuko aho ifranga liva hose
Liba ali ifranga.
Urarebe utwo tumeza n'izo ntebe
Wirebere ayo mafoteyi n'izo rwegamirwa
Utwo tubati tw'amoko yose,
Ntibyavuye mu ngufu z'abishyize hamwe
Buli muntu agakora uko ashoboye
Akazamura abandi, abe, nawe ubwe!
Iyo sake ya Noheli, iyo hene ya Bunani
Iyo ntama ya Pasika, icyo kimasa cy'isoko
Izo nzuki, izo nkwavu
Izo ngurube n'ayandi n'ayandi.....
Atera ishema abayatunze
Akabaha umusoro akabaha umwenda
Akabatuse heza akabalinda umwanda,
S'uko bishyize hamwe bagafatanya
Maze Imana ikabasanga bacyifasha
Bagatunga bagatunganirwa!
Hilya haliya barafuma,
Barataka baraboha barafuma
Bambaye neza barasa neza!
Abandi hilya sinakubwira barabumba:
Ng'ay'amatafali ng'ay'amategura
Barwanyije nyakatsi batuye heza.
Abandi imiliro iraka baracura
Baracura amasuka baracura imipanga
Baracura intorezo naracura inshyamuro

Baracura ndetse ingulye.
Nawe uli ahongaho wenyine!
Utuboko mu mifuka.
Akavugilizo karahinda
Wicaye mu nkike uligunze
Abandi basesekaye mu rubuga
Utegereje iki? Utegereje nde?
Umusizi yajimije aralikocora
Ati: Uzataramana na nde?"
"Ba umugabo se ugire igitekerezo cyiza
Umbaze uti mbigenze nte?
Mwigire balindwi cyangwa muruteho
Mwegere ababishinzwe maze uzirebere
Ngo icyifuzo cyawe cyiragerwaho bitagoye.
Umuyobozi w'urubyiruko muli Komini
Umuyobozi w'amashyirahamwe se
Azagusobanulira ashishikaye
Maze ushimishwe no kumenya.
Ahasigaye witere ingufu
Ukenyere ugushaka
Mirenge wo ku Ntenyo bajya bavuga
Ntacyo yazakurusha ndabikubwiye.
Simbivuga nkubeshya simbivuga ntabizi
Ndaguhanuye ndi umwana mu bandi
Nkaba mukuru w'abato ndi murumuna w'abakuru,
Umuto warugenze n'umukuru walibonye:
Ulisunga abandi maze uzirebere
Isoko y'ubumenyi ngo ilidudubiza,
Ugasendera ubwenge n'ubwitonzi
Ukazagira iby'uhanura
Usibye n'urubyaro
N'abakugwa mu ntege bazayagutege
Ulisunge abandi maze wiyumvire
Inama abashinzwe abahinzi batanga
Ugasobanukirwa n'iby'ubutaka n'iby'ibimera
Ukarwanya isuli, ugatera igiti
Ubutaka bwawe ukabuzilikana
Ntibuzongere kugucika ukundi,
Kandi amasambu yarabuze bizwi na bose.
Ulisunga abandi utege amatwi
Inama za Veterineli nyil'amatungo
Uzasigare worora ayo witangiye,
Uzi neza wanabihamya ko atazononekara.
Sinakubwira! Sinakubwira! Sinakubwira!
Ulisunge abandi ulisungane nabo

Uzatumire ONAPO izakwigishe
Kubyara neza ukabyalira igihe ushatse,
Abo ushoboye kurera, abo ushoboye gukiza.
Ulisunge abandi ubuzima n'intambara
Nkiy'igihinga na Gihindamuyaga
Havuga abagabo hatavuga umwe.
Ulisunge abandi maze ubuzima bwawe
Bugire icyo bugamije bugire aho bugana
Uzabereho ukuli n'ibitekerezo bya kigabo.
Ulisunge abandi maze ukore
Ukore utizigamye ukore ushishikaye
Kuko gukora atali ugushaka gusa ibikubeshaho
Ali n'impamvu y'ubuzima.
Ukore utizigamye ukore utikoresheje
Kuko icyo ukora, cyaba cyinini cyaba gito,
Kigomba kwitabwaho kuko gifite akamaro;
Kandi utunganyije ibyo ushoboye nta bunebwe
Ubushake ali bwose,
Uretse kugira umutima nama muzima
Bimugilira akamaro ndabikurahiye!
Wowe wize wowe uzi ubumenyi,
Wowe wangenze Ruhande nzima
Cyangwa se kaminuza z'ahandi,
Bapfana iki? Arutwa na Bamarilanye iki?
Ulisunge abandi kuko ubuzima
Ali ukubaho kubera abandi,
Ukababera urumuli ukababera impyi
Ali mu bwenge ali mu bumenyi,
Ali mu myifatire ali mu mibereho,
Ukabereka inzira ifunganye
Y'ibyakeneye nubwo iruhije
Ulisunge abandi maze ubegere
Kuko mu buzima bw'umuntu
Agomba kwikubita agashyi karemereye,
Agasubiza amaso inyuma akisuzuma
Asanga yarakoze neza mu mibereho ye
Iyo ashobora kuvuga ati : aba n'aba
"Natumye bamererwa neza
Bagira amahoro bagira ibyishimo
Bagira umunezero babaho neza
Maze twese uko tungana
Ali abato ali abakuru
Tukidagadulira mu rubuga rwacu
Tukarwubaka turuhuliramo twese:
Waba umuzungu waba umwirabura,

Waba uwo muli Aziya cyangwa muli Amerika
Urubuga ni urwacu twese,
Ni urw'uliya ni urwawe ni urwanjye
Twese tukarwubaka mu mahoro,
Kuko inkingi imwe itubaka inzu.
Uru rubuga ni urw'uliya
Uru rubuga ni urwawe
Uru rubuga ni urwanjye;
Uru rubuga rw'umuvandimwe,
Urubuga rw'umushyikirano urubuga rw'ubuvandimwe
Urubuga rw'urukundo urubuga rw'amahoro
Amahoro ku giti cyawe no kugiti cyanjye,
Amahoro kuli bose no kuli twese:
Ali uwera ali uwirabura
Ali ufite ilindi bara niko yaturemye
Amahoro kuli twese.
Amahoro ashingiye kuli buli wese
Amahoro ashingiye ku mutima,
Amahoro adenduye, asesekaye,
Asesekara k'utuye isi aho ali hose
Amahoro ashingiye ku rukundo
Urukundo rutavangura rutinuba,
Rutajegajega rutajandajanda,
Rukomeye rukomeza umutima
Mwene muntu aho ali hose
Arakundwa agakunda
Maze urwo rukundo rutagira uko rusa
Rukagaragalira mu bikorwa.
Kuko bulya iyo ruheze mu mutima
Ruba ali umumamo ruba ali ikinyoma
Kuko ingoma ibyara icyo ihatse.
Umva musore, musore, musore!
Ayo mahoro azatangilire kuli wowe
Uyagire ku giti cyawe n'abandi azabagereho,
Wange uburara wange uburumbo
Wange ubunebwe wange isindwe,
Wange ibiyobyabwenge wilinde inshuti mbi;
Maze ayo mahoro akure asagambe
Kuli bagenzi bawe no kuli wowe ubwawe.
Erega kuba indakoreka si byiza!
Ibuye likameneka urwondo rugisukuma,
Bakagutuma ikamenamutwe
Kwa Rwesa ukaba wagezeyo!
Uzahahulira na Ruvusha na Timbura
Ukahamererwa nabi ukanga uwakubyaye.
Ahaaaa...! Ubwo uba ushaka iki ra?

.../...

Nibagutuma i Buhoro uzajye kwa Ndemeye
Uzahahulira na Mahoro na Bitekerezo
Muzajya inama muyisoze neza,
Ujye ka Mikino wibarutse kwa Milimo
Uzagera kwa Mukire ndabikubwiye.
Umva nawe mukobwa mwali w'i Rwanda,
Dore dore hateye ibibi byinshi
Abatabizi bakabyita imyambaro,
Rero ngo, babiboneye amazina y'akarusho:
Izo za "Dore uko nteye" na za"Roho nsa",
Izo za"Ndebera mu iroho" na za Shwana urakunda",
Ko ababizanye ali ukubashuka
Babigumanye iwabo ntibabyamagabe
Maze ubukire bushingiye kuli byo bakabugumana.
Barababeshya! barababeshya! barababeshya!
Agahishe niko gatera amatsiko.
Umwali w'i Rwanda ni uwifashe neza:
Ali ku mutima ali no ku mubili
Akaba imbyeyi akaba Nyampinga
Akiyemera uko ali akiyemera uko asa,
Ntashakire ubwiza mu kwitera igishahuro
Ngo akunde atukure nk'indabo z'umuko
Naho inzobe ni Imana iyitanga.
Agira umutima akaba mu rugo
Agafasha ababyiyi agakora ibyo ashinzwe,
Akitegura umulimo we yahamagaliwe
Wo kuruhekera akarutegera urugoli.
Akaba isugi akaba imanzi
Akaba imbyeyi mu Rwanda.
Iyo abyanze akaba icyomanzi,
Iyi suli muzi ye rukukumba
Igahitana ubusugi bwe ibujyana i kabande!
Aba asigaye kuki uko namwe mubyumva?
Abo azabyara bazamererwa bate?
Amahoro ye aba ashingiye hehe?
Wowe wigize ikirara wowe wigize ikirumbo,
Mwebwe mwigize ruvumwa mwigize ngabo!
Amahoro yanyu ali hehe?
Nimugaruke mu nzira nziza muzababalirwa,
Uzisabye arazihabwa kandi impuhwe ni nyinshi
Ntawe udacumura aliko ikiruta ibindi:
Ni uguhakana ko wakosheje ngo ubone uko wigarura,

Ugarure agatima ugarure akenge
Ugarure ibitekerezo wikubite agashyi,
Uhe amahoro buli wese nawe ubwawe utiretse,
Wiyame abo bagushuka ngo jya kwiba kandi utananiwe gukora
Abo bagushukisha imyenda isatuye,
Nyamara idasatuye niyo yambika!
Bati Fata ku rumogi! Fata kuli mayirungi!
Ibyiza ni wowe ubibona! Uragera mu ijuru
Nta mbyiza mbonye aho, nta juru na busa!
Baragushuka! Baraguhenda! Baragushuka cyane!
Mfasha ahubwo tubamagane cyane,
Tubibabwire n'i Burayi bigereyo,
Isi yose ibyumve ibadufashe tubamwaze,
Kuko nta mahoro badushakira
Ali muli iki gihe ali no mu kizaza.
Kuko ibyo tubikuliyemo tuli u Rwanda rw'ejo
Uretse ubuzima bwacu busigara mu mvune,
Igihugu cyazagera he cyazagarukira he?
Ko twaba tucyoretse nta shiti;
Abataye ubwenge, ayo mabati n'izo ndaya,
Nizo zacyubaka se bigashoboka?
Oya, Oya, Oya, ntibishoboka!
Nitubahagurukire ahubwo byakomeye,
Ilyagaragaye ntiliba likishe isuka;
Tubereke ko nta mwanya bafite mu rubuga rwacu,
Ko urubuga rwacu ali urubuga rw'amahoro
Ko mu rubuga rwacu tujya inama,
Tugakundana tukubahana tukemeranwa,
Tukarwanya amabandi tukamenesha indaya;
Tukabana nta bulyalya nta mwirato
Ntawe ushuka undi ntawe ulyamira undi,
Kuko twese n'ubwo tudahuje ibara
Duhuje imitima duhuliye ku bwigenge:
Ubwigenge bwuzuye ubwigenge butarengera,
Ubwigenge bugarukira aho ubw'undi butangilira;
Ubwigenge budakora icyo bushatse
Ahubwo ubu kora igikwiye.
Ubwigenge bwa bose n'ubwa muntu,
Ubwigenge bushingiye ku mahoro.
Amahoro ahera ku muntu ubwe
Akazamuka agasendera ku bo mu rugo,
Maze abagize umulyango bakabana neza;
Bakabana n'abaturanyi bakabana n'abagenzi,

Utewe ukamuvuna ugacumbikira uwo utazi,
Ukarwana ku mpabe ukarwana k'utifashije,
Ukarwana ku mfubyi ukarwana ku mupfakazi.
Niwo mubano niyo mahoro,
Ahereye mu rugo agakwira n'umurenge
Agasendera asaguka amakomine,
Igihugu cyose kikayuzuza igituza
Amahanga akayalilimba ubutitsa.
Akarengane n'intambara mujya mwumva,
Umwilyane n'ibitwaro bya kilimbuzi
Byashira bikagenda nka nyombeli,
Umuntu ubwe agahora yiyibutsa ubutitsa
Ko amahoro ali ngombwa mu buzima.
Ubwo rubanda rwose rwayahagurukira,
Maze isi ikarushaho kuba nziza.
Rubyiruko bana b'u Rwanda
Mizero y'igihugu n'ay'amahanga,
Tuli benshi kandi dufite ingufu,
Dufite ubwenge kandi tukagira n'umutima,
Ayo mahoro natubera intego;
Dushishikalira kugeraho nta kabuza,
Maze cyeraaaa! Kera cyaneeee!
Abuzukuruza ubuvivi n'abadukomokaho
Bazaganira baterura bavuga bati:
"Muli wa mwaka tutazi tujya twumva
W'igihumbi kimwe magana cyenda
Mirongo inani isagaho n'indi itanu,
Hali abasore hali inkumi,
Bahagurukira limwe ntawe usigaye inyuma,
Bashakashaka amahoro barayabumbatira
Barayaturaga niyo tukigenderaho
Tuzayashyikiliza n'abacu yogahoraho
Tuyabumvishe koko aliyo bavuga
Nibwo burere bukwiliye umuntu
Nibwo burezi bukwiliye bose".
Nibwo burezi babyeyi namwe barezi,
Uburezi bushingiye kuli ayo mahoro
Umuntu agakura azi neza yuko
Ali nk'undi ntagushidikanya,
Uko ashaka ko abandi bamugilira
Akabibagilira nawe.
Maze uzarebe ngo ubucuti no gufatanya
Biratera imbere mu bantu,
Ubwo burere butangwa na buli wese,

Bugashingira ku ngero nziza no ku bikorwa.
Ababyeyi bakarushaho kwiyumvisha
Uruhare runini babufitemo
Kuko bulya ngo apfa mw'iterura,
Kandi iyo kimaze gukura ntikigororwa.
Umwana akayoborwa kuva kera
Agitangira gutaguza bakamutungira agatoki
Aho amahoro aganje, aho ali igimagirane;
Uburere bwose bukayibandaho
Akaba impamvu y'ubuzima
Akaba impamvu yo kubaho
Akayakuliramo akayijuta.
Bigenze gutyo jyewé uko mbyumva,
Ayo mabandi ibyo byomanzi,
Ayo masasu ngo habaho n'amabombe,
Byashira burundu amahoro agasaga mba
Umwilyane n'inda nini,
Ntibyakongera kurangwa muli iyi si;
Maze abayituye uko bangana
Bagasangira akabisi n'agahiye,
Inzara zigacika amapfa agahunga.
Abantu bakuzuzanya uko bikwiye,
Batavanguye ibitsina, amoko n'amabara,
Batavanguye amadini n'imibereho yabo
Kuko bulya ntawe uba kamara
Nta n'umyenya byose,
Nta n'usa nundi nk'intobo,
Uko kuba badasa, kuba batazi bimwe
Bigatuma bahura bakungura ibitekerezo,
Bakigishanya ubumenyi bakigishanya urukundo,
Maze umunyarwanda akigisha Umunyamerika
Ko gukoresha ingufu ali ingirakamaro,
Akamwigisha gukora umuganda nta kuganda
Undi nawe akamwigisha gukora indege.
Amahanga akubahana ntavogerane,
Icyubahiro cy'ikiremwa muntu kikitabwaho
Umuntu uko ameze kose akagira agaciro,
Yaba ikimuga yaba muzima,
Yaba yalize cyangwa nta shuli yagezemo,
Yaba akiga cyangwa se afite akazi,
Akabana na bagenzi be mu mahoro
Bagaharanira amajyambere yabo;
Yaba ay'umubili yaba ay'umutima

.../...

Bazayagerah vuba cyangwa kera,
Ali uko ashingiye ku mahoro.
Ayo majyambere kandi ntiyakwizana
Arashakwa arahahwa nk'ibindi byose
Apfa kuba ashingiye ku mahoro
Ahasigaye ingufu n'ugushaka kw'abayaharanira
Bituma agerwaho byanze bikunze.
Rubyiruko! Rubyiruko! Rubyiruko!
Mbabaze mbabaze munsubize:
Muli iyi si dutuye ko tuli benshi
Muliyali zingahe ko bulya atali nkeya,
Murabona igana he? Murabona igana he?
Abayituye baliho neza bangana iki?
Abatamerewe batyo bangana iki?
Ko ali mwe mizero ko ali mwe bareba!
Nimwe mufite ingufu
Ni nyinshi kandi!
Nimuzikoreshe rero ntakwitangira,
Mwemere mwirekure mukore ubutitsa,
Maze twese dufatanyilize hamwe
Dushake ayomajyambere twatanzwe.
Amajyambere! Amajyambere!
Amajyambere n'ijambo lili hose!
Amajyambere n'ijambo livugwa na bose:
Mbona ali izuba lyaka
Likakira kure likamulikira abakure,
Nkabona baliho neza bamerewe neza,
Jye nkagerwaho gusa n'udushashi duto
Tutamaraho umwijima w'icurabulindi,

Ukikije jye nabo tuli kumwe;
Dutengura dutitira tumerewe nabi
Imbeho ali nyinshi yatumaze;
Tukagenda tulisanga tulishaka,
Aliko inzira irafunganye yuzuyemo amahwa,
Yuzuyemo amabuye yuzuyemo imikorere;
Tukagenda tuyitunganya ubutaruhuka

Dutwika amahwa, tuvanamo amabuye,
Tukayagura ikaba nziza ikaba igihogere.
Uko imirase y'izuba igenda yiyongera tulisanga
Ikadususurutsa tukabona imbaraga,
Tugakomeza tugahatana tulisanga.
Aliko ntituraligeraho nta na gato!
Inzira iracyali ndende kandi irananiza
Ingufu n'ugushaka kwa buli wese,
Bizatuma dushyikayo nta kabuza.

Yego ibizazane n'ingorane ni byinshi,
Tugomba kutabitinya kuko bibaho,
Tubirwanye tubihashye dukomeze,
Iyo utsinze na kimwe
Biba ali intambwe y'akarusho,
Ugakomeza buhoro buhoro nta bwoba
Ujye kucyo ugamije niyo maherezo.
Amajyambere nya majyambere
Amajyambere ashinze imizi idakuka,
Amajyambere azahora ajya imbere
Ahera ku muntu ku giti cye.
Agasendera mubo babana mu bali kumwe,
Agasesekara mu baturanyi no mu gihugu cyose.
Intangiliro yayo ntili kure,
Ni ukujijukirwa ukajijuka ukajijuka
Ukamenya gusoma no kwandika ibi bisanzwe,
Ugasoma ibitabo ugasoma ibinyamakuru,
Ukabigosora ukabishungura
Ukabikuramo inkumbi
Ibyiza ukabigumana ukabyigisha abandi,
Bakabimenya nabo bakabigeza ku bandi,
Naho ibibi ukabirundanya haliya
Ukabijugunya kure iyo bitakigarutse,
Ikiboze kirajugunywa kuva na kera.
Indi nkingi y'amajyambere ikomeye
Inkingi itajegajega ntigorame
Ni ugushaka.
Ni ugushaka kuvuga guhitamo,
Ugahitamo ikintu wakitegereje,
Wakiroye imbere n'inyuma ntaho wasize,
Ibitekerezo byawe ukabishungura,
Ugafata icyemezo kidakuka,
Ukakihambiraho ukagikomeza na lyali,
Ushaka inka alyama nkazo.
Ukaruha uwa Kavuna ugapfa ugapfuka,
Ibigushimishije bigashirana n'uwo mushinga,
Ukitanga wese wirekuye
Imishinga yawe igasizwa neza.
Iya mwamba y'amajyambere
Ni ugukora utikoresheje,

.../...

Ugakora wese wese ugakora utiziganya,
Ugakora ukorera abandi ukorera igihugu
Wikorera nawe ubwawe ndetse n'abawe.
Bulya iyo ukora ngo abandi batere imbere
Nawe uzamukana nabo ntibagusiga:
Amazi y'umugezi agabulira
Ibyatsi by'inkombe zawo,
Nabyo bigatuma ugira amafu
Ntukame bitewe n'imirase y'izuba.
Ururabo iyo rwifunguliye uruyuki
Uwo mukozi udahwema avanamo ubuki
Niko ruboneraho urubuto
Rukabyara rugaheka nk'ibindi byose.
Umukozi nyamukozi yilinda ubunebwe;
Ubunebwe si ukwilirwa wicaye gusa
N'ukora akazi ke huti huti
Kugirango arangize vuba ajye mu bindi
Uwo nguwo ubunebwe yarabwijuse weeee!
Ukora akazi akagasubika
Ngo ejo azabone icyo akora nk'aho kibuze,
Uwo nawe ubunebwe yarabwijuse me!
Udakunda akazi ke,
Ngo akitangire uko ashoboye n'uko bikwiye,
Uwo nawe aba mu bunebwe birababaje.
Kora cyane ingaruka y'umulimo ni umugisha.
Kora cyane nibashaka bakwite umusazi,
Bazagushimira babonye bifite akamaro.
Bulya urubuto rw'igiti cy'umulimo
Rwongera ubulyohe uko iminsi yiyongera,
Kuko rudahisha vuba ngo bugabanuke.
Mbikubwire jye mbiguhanure,
Ndi mukuru w'abato ndi umwana iwacu,
Sogokuru ntiyampishe n'ibango,
Yaharuye ikibuga cy'indege
I Butare bw'Asdrida igihe cyirekire,
Akazi kaho kakaba kenshi kakaba keza,
Uwa mbere w'icyumweru bawita "Nkubonye nkubabaye";
Uwa kabili ufata ilya "Ndakwizeye",
"Linganiza" uba uwa gatatu
Naho "Rukenyamibyizi ni uwa kane;
Hagataho "Iradushiranye" na Shyiraho umwete"
"Kalyarugo ikayisoza baruhuka,
Kuki nkubonye nkubabaye bakinyaga.
Imbuto bateye kurayilya cyane,
Iralyoshye kandi niko bimeze.

Amajyambere wa mujyambere we,
Ashingiye ku muco mwiza,
Umuco ukwereka uko ugomba kubaho
Umuco ukwereka uko ugomba kubana,
Kwifata kuvuga gukunda;
Umuco ukwereka ukereka n'abaturanyi
Ko mugomba gufatanya mugasanganya imilyango.
Ugaha buli wese umwanya ugaragara
Muli rubanda rumukikije rw'abavandimwe.
Ugaha igihúgu uruhare rukomeye
Mu rugaga mpuza-mahanga.
Utibagirwa kuvuga urulimi rw'abasokuru
Kuko narwo ali ingenzi mu bigize umuco,
"Yambu Bwana" na "Comment ça va"
Ntacyo birushije mwiliwe na mwaramutse.
Umuco tukawulinda tukawuk,gakiga,
Ntiwandure, ntiwandarare, ntuducike
Tukazawushyikiliza abo tuzabyara,
Amahanga akamenya akarusho ka gakondo.
Amajyambere nyakuli ashingiye ku bumenyi,
Ibyumviro byacu uko bingana
Nibikingurwe byose bibe nk'amadilishya
Ubumenyi bwinjiliramo ubudahwema;
Maze tujijukirwe tujijurane
Utazi ubwenge ashima ubwe.
Niduhagurukire kumenya ibikwiye
Tumenye iby'ahandi tumenye n'iby'iwacu
Tugumane ibikwiye tujugunye ibibi,
Tumenye ibyo tutazi byadufasha twese,
Kugera ku majyambere duharanira.
Igihugu kitubyaye ntigihwema
Kudukangulira gusobanukirwa:
Iyo bavugurura amashuli bakubaka andi
Iyo bateganya integanya nyigisho zikwiye,
Iyo bubaka amavuliro, ibigo nderabuzima,
Ibitsura amajyambere, ibihugura abaturage ubutitsa
Ibyo byose si Leta iba iguha urugero!
Iyo yubaka ibigo bihugura urubyiruko
Ibigo mboneza milire bihugura ababyeyi
Iba igirango mwana wa mama
Uzamere nk'abandi bazima
Ugire ubuzima bwiza buzira umuze.
Bulya idukunda byimazeyo,
Igarura abatanye n'abarumbye

.../.....

Ikabashyira mu bigo njijura muco
Bakarerera kuruhira nyanti
Bakagira umumaro mu bandi.
Igaharura imihanda igaharura ibibuga
Ibya rutemikirere n'ibyimikine
Iba ikurwanaho wowe munyarwanda
Ngo ejo utazamangalira iwanyu
Kandi wararemwe n'iy'i Rwanda.
Umuganda nguwo uratuganduye
Ibyiza byawo ni byinshi by'ihogeza,
Uraterere ijisho ku mpande zawe,
Lizagusobanulira litakubeshye nawe ulibagire.
Izo mpuguke Leta igushyikiliza
Ngo ziguhugure ziguhe urugero uzisobanuze,
Iba ishaka kugera kuki ko nawe ubyumva?
Wacukuye imingoti wateyeho ibyatsi,
Worosoye amagufi n'amanini,
Ubuhinzi n'ubworozi birajyana niko bisanzwe,
Zigusobanulira zigukunze
Ngo ejo mwana w'i Rwanda Munywanyi,
Munywanyi twahanye ibihango byinshi,
Icy'ubutaka, icy'ijuru, icy'amazi,
Icy'umuganda, icy'i Rwanda,
Utazicira isazi mu jisho
Kandi uwakujishuye yaragukunze.
Yakurebeye izuba yakweretse ikiza
Alya inkuna arakwihoterera
Nge azakure azacane uruti
Uzabe intwali batijana.
Nakemeze umujishi yo gaheka,
Maze ibibondo bikugwa mu ntege
Agumye abirasanire uwo mukogoto
Udakura mu ruge udahwema
Kurwana intambara y'ubujiji.
Utinuba utijana wiyemeje
Kururerera intore zizihiza
Urwazibyaye ruzihanze amaso.
Uwo murenzi wizihiye abarerwa,
Akabakunda akabamenya akabitangira,
Akabaterura abereka inzira y'amahoro
Abereka inzira y'ubumwe

.../...

Iy'amajyambere atayisize.
Ntabahunge ntabizibukire,
Iteka agahora ashishikajwe
N'ibyiza bibyirutse i Rwanda
Akereka abe bana ashinzwe
Ibyiza bya Gakondo ya Kanyarwanda.
Agahana kibyeyi uwatannye
Akulikiye ingeso mbi n'ibijyana nazo.
Agakubita inkeni izamba iye ali ngombwa
Bitye akarera abagabo b'interahamwe.
Ntahunge umulimo ashinzwe
Ngo umwana niyigira kahangahalya
Niyigira maheru niyigira indakoreka
Azibukire yigire hilya
Amutererane kandi agiye kugwa mu gisimu,
Ngo nagende azagwe hilya
Azahabwe na Leta abubu niko babaye,
Uretse ko ngo nta ngoma itabagira,
Ni abantu kimwe n'ababareba.
Umurezi nyawe ntarekura,
Aracigatira ngo ayo magara ye
Atavaho yisesa kandi atayorwa
Akayabungabunga akayashyigashyiga
Akayereka inzira itunganye.
Agakora byiza agatanga urugero
Agakora ibye avuze bakamureberaho
Akabe ikimenyetso kerekana umuhanda
Ujyana mu gihugu cyiganjemo amahoro,
Gitembamo amata n'ubuki.
Umulimo uli imbere ya byose
Umuseke ukeya ikirago keyutse,
Akivura agasusuruko hesuwe ikivi.
Urugero rurafasha nahe amagambo arahita.
Ubwo burere bushingiye ku rugero
Bugashinga bushingigira umushyikirane
Maze umurezi akazira ikizinga
Akazareba umunyana yizihiwe.
Akazaba atanze intangamuganzanye
Y'uburezi buzira amakemwa.
Maze umwana muzima w'i Buntu

.../...

Agatera imbere mu mutima kubera bwe
Agakura azi ko ikiremwa muntu
Ali inzira karengane muli byose,
Kigomba kubaho kigomba gukora
Maze ntikigunge ngo giterere agati mu lyinye,
Kandi cyarahanganywe ubwitonzi,
Ubwenge, urukundo n'ubuvandimwe.
Kigahangara urwango n'ibibukomokaho
Amashyali n'amashyamirane n'ibindi nkabyo,
Kikemarara kemanye ubwigenge,
Ubufatanye amahoro n'amajyambere.
Maze umuntu akamenya ko ali umuntu
Agakora buntu, agatekereza buntu, akabaho buntu
Akimenya ubwe
Akamenya abamukikije
Akamenya ubushobozi bwe
Akabonerahe kubungura,
Agafatanya nabo ntabe nyamwigendaho,
Kandi bulya ubumwe bukora imbaraga.
Iyo Umulyango w'Abibumbye
Wemera mu nama yawo rusange,
Ko umwaka w'igihumbi kimwe
Magana urwenda mirongo inani
Isagaho indi itanu yose,
Ali uwa ba Nyiligikundire
Urubyiruko rw'isi yose,
Amahanga agahagurukira icyalimwe
Akita ku wo ejo hazahanga amaso,
Sukwerekana ko ubumwe
Aliyo nkingi y'amahoro
Udasize n'amajyambere!
Mubyeyi murezi w'i Rwanda
Uw'ishyanga nawe singusize
Ntuzayatetereze yarakwizeye,
Ngo uyarebeshe ikiziba ikijyaruguru,
Aho umugabo avuganiye n'undi
Barahahulira bakalisubiraho.
Mwana, mwali, musore,
Abe muli bose n'aho muvuka hose
Muranyumve mbahanure ndi mukuru
Murayantege ndi muto nkamwe
Murayabangure ntimucikwe na limwe.
Murabe indacogora aho muli hose
Mube indatana mu rugamba

.../...

Mube ingeli batiganda.
Muragire ubuntu muhe abandi
Ikiza ubuzima bwabahaye,
Si inzu nziza si radiyo nziza,
Si akavatili si n'amafranga,
Ahubwo ni ukugilira abandi akamaro
Aho uba n'aho ushoboye kugera hose;
Uli umukire uyu wahebuje
Ugakena ku mutima ukaba umutindi
Nta muntu ukulimo ndabikubwiye.
Muravugishe ukuli aho muba hose
Mugendane nako mubane nako:
Ukuli kurasira ku myifatire
Ibishashi bigashibukira ku babakikije
Kuba isuka ihinga umushike w'ingorane,
W'ububabare n'uw'agahinda,
Uzarumbukamo imbuto z'ibyishimo.
Kandi ngo guca mu ziko ntigushye!
Mulilinde kwandagara
Mulilinde guhemuka
Ntimuzambalire ubusa ubundi,
Dore ko byose ali ubusa.
Murabe abantu muragire ubuntu
Mube bazima mureke ikuzimu.
Umuti si igiti
Iki batema bagacana uko bashatse,
Umuntu si ibuye,
Ili bajugunya ngo litica isuka,
Umuntu si igikoresho
Iki gisaza bagashaka ikindi,
Umuntu si ikigenge
Kandi ataba wenyine,
Umuntu si igisimba
Kandi afite ubwenge
Akagira n'umutimanama,
Umuntu si ikihebe
Kandi afite umutima
Urangwa n'impuhwe n'ubugwaneza.
Umuntu ni igisabo
Kijishwe mu ruhimbi rw'amahoro
Hadaterwa ibuye kirazira.
Umuntu ni isimbi
Lisimbagiza umubano n'umunezero
Ubuciti ubuvandimwe n'ubufatanye.
Umuntu ni umujyambere

.../...

Ahora atera imbere mu byiza
Naho ibibi si byo yaremewe.
Umuntu n'ikiremwa cy'i Rwanda.
Umuntu ni indakemwa muli byose,
Umuntu ni umunyebambe ni umunyampuhwe.
Ni umutanazi wa Muhumuza
Isonga isonga ubujiji,
Nyamuvuna abataka
Rucyaha abanebwe,
Muremangingo w'abashavuye,
Rwigimba aho batinya mub'imbere
Yafashe umutana w'abatanazi
Arasana mu rugamba rw'abalindangwe
Agamburuje ubutati n'ubwiko.
Ni Nyil'ubupfura buranga umutima ukeye,
Nyil'ubuntu buranga umutima ukunda,
Nyil'ituze liranga umutima uteretse,
Nyil'ibambe liranga umutima udashavuza
Nyil'impuhwe liranga umutima uvuna.
Umuntu ni umuntu.
Mwana wa mama ntazigera nanga
Wowe wera wirabura usa n'ukundi,
Urabe uwo muntu urabe uwa Rurema,
Urarangwe niyo mico niyo myifatire
Urabe uwo abandi bareberaho
Babaliliza bagisha inama.
Urabe uyu muhinzi utanebwa
Uha buli giti mu byo yabibye
Icyo gikeneye n'ubwo bidahuza.
Igiti nticyaremewe kubaho cyonyine,
Kigomba gukura kikaba ishyamba
Nalyo ntilyakulira mu gasi,
Buli giti cyalyo gikeneye ibyacyo:
Iki gishaka ubutaka buseseka,
Kiliya urusekabuye cyangwa inombe,
Kiliya ahumutse ikindi ahatose.
Uramenye ko abantu ali nk'ilyo shyamba
Umwe azanira abandi ibyo ashoboye
Aliko bose ntibakeneye bimwe.
Urabe uwo mubibyi uzabazanira
Ibye bakeneye uko abishoboye,

Urabishakashake nicyo wagenewe
Nicyo waremewe nicyo ubereyeho,
Urabe umuntu.
Wowe muvandimwe wowe twamenyanye
Wowe twahuliye mu rubuga:
Urw'amahoro urwo gufatanya
Urw'amajyambere urw'amajyambere
Wowe ufite ibara lidasa n'ilyanjye,
Wowe wera nawe duhuje ibara,
Uramenye ko duhuliye kuli byinshi
Aliko ikingenzi kiruta ibindi
Uramenye ko duhuliye k'ubumuntu.
Uramenye ko dufatanye urunana
Ruzengurutse iyi si dutuye
Duhererekanya ubufatanye n'amahoro,
Tuyikorerahe ngo ibe nziza
Bityo dutere imbere twese.
Uragire ibitekerezo urabe umugabo
Ntugashishikazwe n'ibigushimisha
Ntugakurure wishyira gusa,
Ntugacike intege mu ngorane z'ubuzima,
Ntukabe wenyine uli mu mulyango,
Ntugashaka gukandamiza abandi,
Urajye umenya iby'ingenzi
Wicunge umenye gufata ibyemezo,
Umenye ko habaho inzaduka
Wakire abagusanga bose maze ubumve.
Uhore ushaka gutera imbere
Wiyemere uko uli nta gahinda
Kuko uli umuntu mu bandi.
Mwana, Mwali, Musore, Munyarwanda.
Imyifatire yawe irabe indakemwa
Wereke abo mwahuliye mu rubuga
Ko Kanyarwanda ali Kwitonda,
Akaba Mahoro akaba Bitekerezo
Akaba Milimo akaba Mujyambere.
Si Rutemayeze ntibishoboka,
Si Ruhubutsi ntibibaho,
Si Rwakubira si Rwango;
Ahubwo ni Mitima ihuye.
Uranyumve uranyumve mwana wa Mama,
Uranyumve nkubalire ilya mukuru
Umuto warugenze ni umukuru walibonye.
Uranyumve ndakubwira ngukunze,

Uranyumve ntagosorera mu rucaca,
Ejo ukazaca inkeramucyamu
Ukazagera igati ukahacira akena
Mu bitekerezo no mu mubili
Kandi wararemanywe n'abandi.
Uranyumve Mwana wa Mama,
Ejo hatazagira ukuzilika ku katsi
Akazavaho agukenyeza rushorera.
Urabe umuntu urabe mu bandi
Urase n'Imana y'i Rwanda.
Rwakubyaye rugukunze
Rukurera rugushaka,
Urarwereke ko utali ruvumwa
Urarwereke ko uzarutabalira
Urarubwire uti nyizera
Sinzakubera rubanda.
Urabe Rusalikanamakuza
Mu rugamba ruhuje urugaga
Maze amahanga agahanga umubano
Umukiro ugasesekara usizana n'amahoro
Maze ubukene bugasendwa liva.
Urabe ruti rukora hasi
Urwango rugahungana igihunga
Amacakubili agaca i Kibungo
Amatiku agatitira yose
Umutekano ugateka ijabiro,
Amenzaganya akayabangira ingata
Amahane agahahamira kure
Maze ubumwe buganza iwacu.
Mwana wa Mama urabe wanyumvise
Ntiwiraze i Nyanza ntiwumve nka Save
Ntaba narataye inyuma ya Huye.
Ntuterere agati mu lyinyo
Ngo ube tereriyo
Ejo utazaruha umukuba bibero
Kandi waravutse ku mugongo mugali.
Uranyumve uranyumve Mwana wa Mama,
Nizpye ko ndacundira Nyakanga,
Niwigunga ntuseruke,
Ngo usange abandi mu rubuga
Mufatanye mubane mufashanye
Uzaba uli iki uzaba usigaye he
Ko abandi bazagusiga ubareba?
Nyamwanga kumva ntiyanze kubona
Bizakugeza kure ndabikubwiye!

.../...

Uzagwa umudali abandi badamaraye
Kandi ntawaguheje mu rubuga.
Uzabasangeyo bazakwakira
Maze uzarebe ngo ubukire
Buvanze n'amahoro adakuka
Ngo buragusanga bwirukanka.
Naho nibatagica n'ilyera
Ugasigara wenyine nk'igihumyo
Uzamererwa nabi ubuzima bwawe
Nta n'umwe ugucira akarurutega
Ufatirwa akaboko na bake,
Igihinyuza impenebere n'imvi.
Umulimo uzawushyire imbere ya byose
Ntuzajye wigira magwandi,
Wowe musore w'imbaraga
Wowe musore w'amahoro
Wowe musore usoretse,
Usorekeye mu rubuga ruhuje imbaga:
Y'abadahuje amabara
Y'abakecuru n'abasaza
Y'abakuze n'abakuruta.
Uramenye umenye n'abakuruta
Umenye abo mungana n'aburuta,
Uhe buli wese umwanya umukwiye
Mu mulyango umwe rukumbi
W'abatuye iyi si duharanira twese,
Guha amahoron'amajyambere.
Erega yaremwe ali nziza!
Itatseho ibiti n'ibyatsi,
Ibigendesha amaguru n'ibiguruka
Udukoko n'udusimba twinshi.
Maze umuntu akabitegeka
Akabigenga bikamugaragira
Bigatuma abaho neza akabikoresha
Iby'akeneye byose uko bingana.
Ibimera bikamuha umwuka,
Inyamaswa zikamukungahaza
Ali kw'ifumbire, inyama n'impu.
Inyoni zikamulilimbira
N'ifumbire zirayitanga ndetse n'inyama.
Ibyo byiza bitatse u Rwanda
Urabilinde ntibizakomwakomwe
Nuko ali umutungo kamere gakondo.

.../...

Uretse nuwo mulimbo utagira uko usa
Isi yaremewe abayituye
Ngo bayiture bayikorereho
Bayiteze imbere kandi basagambe.
Umuntu akavuka ali mwiza
Ali ku mutima ali no ku mubili
Iyo ageze hanze muli rubanda
Rumurema bushyashya uko rubishatse
Rukamugira igisimba cyangwa umuntu.
Ubwo buvuke bwa kabili
Nibwo buzamuyobora mu buzima bwe bwose,
Maze Rugira agafashwa n'uburezi,
Uwo muntu akazaba urwiru cyangwa umukozi
Mu muzinga uzira amarumbu
Uzira kuba impehe uzira amagomerane,
Utazahinduka imiyugili.
Wowe Kanyarwanda twahuliye mu rubuga
Urabe urwo rwiru cyangwa uwo mukozi
W'indakemwa w'indahinyuka
Ubyara ubuki butohereye bulyohereye
Buramira abato n'abakuru.
Yaraliduhanuye Umubyeyi wa twese
Habyalimana dukesha Muvoma nziza
Ati: "Amaboko yatunze u Rwanda
Azarutunga n'ibihe bizaza."
Mwana, Mwali, Musore w'i Rwanda,
Ejo ni wowe duteze amaso
Kora utwereke uko uzaba uli ejo,
Uru Rwanda uko uzarugira niko ruzaba.
Abagushinzwe bakoze uko bashoboye,
Ngo bakurere ukure ujye ejuru mwana wa Mama,
Ngo uzabe intwali batijana itaganzwa,
Intambara y'ubukene itsindwa na Kanyamwete,
Urabimenye ubizilikane ibihe n'ibindi....
Ukagira akamaro ubwawe,
Ukakagilira aho uli n'abo muli kumwe
Ukaba ukwiliye umwanya w'imena
Wahawe n'uwaguhanze n'Uwakubyaye
Ugasenga umwe ukubaha undi;
Ugakulira mu muco ugakulira mu burere,
Uburere bukamuye butagira bajeyi,
Uburere bwiza buruta ubuvuke,
Bukagukulikirana na n'ubu,
Bukaba bukikwereka uruhare rugukwiye
Ruruhije kubera ingufu zawe zitangaje

Wasesekaje mu rubuga zigahura n'iz'abandi,
Mugasabana, mukabana, mugakorana ibakwe.
Isamaza intore imparamba ni ibyawe,
Umubano ubucuti n'ubuvandimwe
Bikakubamo bikagutahamo bikakuzuramo,
Ukabitumburukana mu rubuga ruduhuje twese.
Wowe muto wowe mujyambere w'Umunyarwanda
Wizihiye u Rwanda wizihiye Rubanda,
We waruhuliyemo umukuru n'umukambwe,
N'umukecuru n'umunyamahanga,
Yirabura yera cyangwa asa n'ukundi,
Urahangarare urwo rugaga rugambilije ituze,
Rugambiliye gufatanya rugamije kujya imbere,
Urwereke urwo rubuga rutajorwa
Urwereke ko twaruhuliyemo we Munywanyi
Munywanyi twahanye ibihango byinshi:
Igihango cyo gufatanya, igihango cy'amajyambere,
Igihango cy'iyi si yisesuyeho ituze
Duharanira guteza imbere.
Uranyumve munywanyi, uranyumve Mwana wa Mama,
We twasangiye umutsima ku mbehe ya Gihanga;
Ko ndeba ugenda unyonyomba udasezeye
Umwaka urarangiye se imilimo irashize?
Enda garuka dore ndagutakambiye
Ndavuga amateshwa ndavuga ay'ihururu,
Dore dore ndavuza iya Bahanda!
Ntabara winterereana
Ingufu zo sinzibuze haguma ruseke
Muvandimwe twahuliye mu rubuga se,
Uranteterezа ngo nzateturурwe na nde?
Lya zuba libengerana zili kure
Lirasa ibishashi lishashe ubushyuhe,
Liturembuza ngo lidususurutse twe gusuhuka
Twaligezeho se Munywanyi?
Ndabona ukimbagira uje ugaruka,
Ungarukiye ugarukiye urubuga,
Ugaruye agatima ugaruye ibitekerezo,
Watanya watamiliye imilimo
Utembana ituze utambana amahoro,
Tuzafatanya iyo nzira yanga umuze,
Maze amajyambere tuyajyane umujyo umwe.
Tuzisazira tuyadendejemo,
Nta mujinya, nta njamba nta jambo libi,
Urakoze, urakaramba urakarama,

.../...

We munywanyi twahanye ibihango
Wowe wera, wirabura, usa ukundi
Wowe twonse ibere limwe ly'ubuzima,
Wowe twasangiye amata y'amahoro,
1060. Wowe twasangiye umutsima ku mbehe ya Gihanga
Wowe twahanye ibihango bitabaze
Wowe twahanye igihango cy'umulimo.
1063. Urakoze, urakarama.

---

MACUMU Emmanuel
Commune KINYAMAKARA
B.P. 68 GIKONGORO